ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 1 Kamena 2021

Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Kamena 2021

Mu kwezi kwa Kamena 2021, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 0 na 50. Imvura iteganyijwe muri Kamena izaba iri kukigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa. Intara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyepfo mu gice cyaho cy'Amayaga akaba ariho hateganyijwe imvura nke ugereranyijwe n'ahandi naho mu ntara y'Amajyaraguru n'iy'Iburengerazuba cyane cyane mu majyaruguru yaho akaba ariho hazarusha ahandi imvura. Imvura iteganyijwe ikazaturuka ahanini ku misozi miremire, amashyamba n'ibiyaga byo mu gihugu.

Dore uko imvura iteganyijwe mu bice bitandukanye by'igihugu:m

Imvura iri hagati ya milimetero 0 na 10 iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba, mu turere twa Kicukiro na Gisagara, mu burasirazuba bw'uturere twa Gasabo, Kamonyi, Ruhango na Nyanza no mu majyepfo y'akarere ka Gasabo na Nyarugenge.

Imvura iri hagati ya milimetero 10 na 20 iteganyijwe mu karere ka Huye, mu gice gito cy'uburengerazuba bw'uturere twa Nyagatare, Gatsibo, Nyanza na Ruhango; mu burasirazuba bwa Gicumbi, mu majyaruguru y'uturere twa Gasabo, Nyarugenge na Kamonyi ndetse mu majyepfo y'uburasirazuba bwa Nyaruguru, Nyamagabe na Muhanga.

Imvura iri hagati ya milimetero 20 na 30 iteganyijwe mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, ahasigaye mu karere ka Nyamagabe na Muhanga, mu gice kinini cy'uburasirazuba n'amajyaruguru ya Nyaruguru, mu burasirazuba bwa Karongi na Ngororero, mu burengerazuba bwa Ruhango na Gicumbi no mu majyepfo y'uturere twa Gakenke na Rulindo.

Imvura iri hagati ya milimetero 30 na 40 iteganyijwe mu karere ka Karongi, mu burengerazuba bw'uturere twa Nyaruguru, Karongi, Ngororero na Rubavu; mu majyaruguru y'uturere twa Gakenke na Rulindo, mu burasirazuba bw'akarere ka Nyabihu, igice kinini cy'akarere ka Burera no mu majyepfo y'akarere ka Musanze

Imvura iri hagati ya milimetero 40 na 50 iteganyijwe ahasigaye mu turere twa Nyabihu, Musanze na Burera; mu burasirazuba bw'akarere ka Rubavu ndetse n'agace gato k'amajyaruguru y'iburasirazuba bw'akarere ka Rutsiro.

Ku bisobanuro birambuye, mwakwifashisha ikarita iri hasi.


Imvura iteganyijwe muri Kamena 2021
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Gicumbi
Gatsibo
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Ngororero
Rutsiro
Gasabo
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Karongi
Ruhango
Ngoma
Bugesera
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Imvura (mm)
0 - 10
10 - 20
20 - 30
30 - 40
40 - 50
Kivu
0
50
100
200 Km